REPUBLULIKA Y' U RWANDA

Rwamagana, kuwa 25/01/2018

INTARA Y'IBURASIRAZUBA
AKARERE KA RWAMAGANA

Eastern Province
For reception
Date 26 JAN 2018
Signature

Bwana Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba
**Rwamagana**

**Impamvu:** Ibyemezo by'Inama y'Njyanama y'Akarere ka Rwamagana

Bwana Guverineri,

Nejejwe no kubandikira iyi baruwa mbohererereza ku mugereka, Ibyemezo by'Inama Njyanama Isanzwe y'igihembwe cya kabili y'Akarere ka Rwamagana yateranye ku itariki ya 19/01/2018 mu cyumba cy'Inama cya'Intara y'Iburasirazuba I Rwamagana.

Tubashimiye uburyo mubyakiriye.

**KABAGAMBA Wilson**
Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka Rwamagana

MINALOC
Post reception
Date 30 JAN 2018
Signature

**Bimenyeshejwe**:

- Bwana Minisitiri w' Ubutegetsi bw'Igihugu
  **KIGALI**
- Bwana Umuyobozi w'Akarere ka Rwamagana

**IMYANZURO Y'INAMA Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA RWAMAGANA Y'IGIHEMBWE CYA KABIRI YATERANYE KUWA 19/01/2018**

Ku wa gatanu taliki ya 19/01/2018 mu cyumba cy'Inama cy'Intara y'Iburasirazuba i Rwamagana habereye inama y'Inama Njyanama isanzwe y'Akarere ka Rwamagana y'igihembwe cya kabiricy'umwaka wa 2018/2019. Inama yatangiye i saa tatu n'iminota cumi n'itanu za mu gitondo (9h15) iyobowe na Nyakubahwa Perezida w'Inama Njyanama Bwana **KABAGAMBA Wilson.**

Ku murongo w'ibyigwa hari ingingo zikurikira:

1. Gusoma no Kwemeza inyandikomvugo y'inama y'Inama Njyanama iheruka yo kuwa 07/10/2017;
2. Kurebera hamwe raporo z'igihembwe(Biro y'Inama Njyanama, Komisiyo zose na Komite ngenzuzi) no kuzemeza;
3. Kurebera hamwe raporo ivunaguye y'abajyanama babiri ( umwe wo mu cyiciro kihariye n'umwe mu bajyanama rusange) kubyagezweho hibandwa ku mbogamizi kubitaragezweho;
4. Kugezwaho raporo z'abagize Komite Nyobozi y'Akarere ku byagezweho mu mezi atandatu ashize(Imiyoborere myiza, Imibereho myiza, n'ubukungu) na raporo y'Imikoreshereze y'amafaranga mu Gihembwe.
5. Ibintu n'ibindi: Kugezwaho Master Plan y'Akarere ka Rwamagana

Kubijyanye n'ubwitabire bw'inama y'Inama Njyanama, abajyanama bitabiriye ku buryo bukurikira;

➢ Abajyanama batandatu(6) nibo batitabiriye inama ku mpamvu bamenyesheje, naho abandi bose (23) bitabiriye inama.

Mubyakozwe,

Vice Perezidante w'Inama Njyanama yasomye inyandikomvugo y'Inama isanzwe y'Inama Njyanama iheruka yo kuwa 07/10/2017,Abajyanama bahawe umwanya wo kuyunguranaho ibitekerezo no kuyikorera ubugororangingo bafata icyemezo gikurikira:

**Icyemezo No. 152/2018**

***Abagize Inama Njyanama bamaze gusesengura no gukora ubugororangingo kuri iyo nyandikomvugo barayemeje.***

K-J

ingingo kuyindi zikubiye muri izo nyandikomvugo barazumva, banazikorera ubugororangingo, Inama Njyanama ifata ibyemezo bikurikira:

Abagize Inama Bjyanama bashingiye ku isuzuma ry'imihigo ryakozwe na komisiyo y'Inama Njyanama igasanga umuhigo ujyanye no gutera inkunga amakipe utanoze neza kuko byagaragaye ko hagenwa amafaranga nta teganyabikorwa amakipe yakoze, Inama Njyanama yafashe icyemezo gikirikira:

**Icyemezo No 153/2018**

***Inama Njyanama yemeje ko ayo makipe aterwa inkunga n'Akarere azajya akora igenamigambi ryayo ry'umwaka akarigeza kubuyobozi bw'Akarere kugirango bumvikane ibikorwa bizaterwa inkunga muri uwo mwaka ndetse Komite Nyobozi igahurikirana gahunda y'isuzumabikorwa kubyakozwe, ibitarakozwe n'impamvu.***

Dushingiye ku isurwa Inama Njyanama yakoreye mu kigo cya Ecole Primaire Munyaga igasanga nta mucungamali bafite umuyobozi w'ikigo ariwe ukora izo nshingano, Inama Njyanama yafashe icyemezo gikurikira:

**Icyemezo No 154/2018**

***Inama Njyanama yemeje ko hakurikijwe ubushobozi bw'ibigo Komite Nyobozi yashyiraho abacungamali cyangwa igafasha ikigo kigashaka umwarimu uhabwa izo nshingano agahabwa amahugurwa n'Akarere kugirango amategeko n'amabwiriza agenga imicungire y'imali ya Leta yubahirizwe.***

Inama Njyanama imaze gusuzuma umubare w'Imanza za Gacaca zitarangizwa igasanga zikiri nyinshi mu Mirenge hafi ya yose,

Imaze kubona kandi ko imibare yizo manza zose ari 14990 zitari zarangizwa, harimo imanza 1107 ziteye kashe mpuruza zitegereje kurangizwa, imanza 1103 ziteye kashe ariko zifite imbogamizi zituma zitarangizwa, imanza 5596 zidateje kashe mpuruza n'imanza 7184 bivugwa ko zidashobora kurangizwa bitewe n'imiterere yazo. Inama Njyanama imaze kubisesengura no guhabwa ubusobanuro n'ababishizwe, yafashe icyemezo gikurikira:

**Icyemezo No 155/2018**

***Inama Njyanama yemeje ko Komite Nyobozi yashyiraho ingamba z'umwihariko z'igihe kizwi zitanga igisubizo mu Mirenge yose ku manza za Gacaca zitararangizwa muburyo bukurikira kandi hubahirijwe amategeko;***

- ***Imanza 1107 ziteye kashe mpuruza zidafite ikibazo ababishinzwe bahabwe inshingano n'amabwiriza zirangizwe bitarenze Gashyantare 2018,***

Jk-5

- *Imanza bivugwa ko zidashobora kurangizwa zitanateye kashi mpuruza kubera ibibazo zifite byihariye, n' Imanza zidateyeho kashe mpuruza zishobora kurangizwa hazagaragazwe ibyo bibazo kuri buri rubanza raporo izatangwe iganirweho bitarenze Gashyantare 2018 mu nama izahuza abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Utugari n'ab'Imirenge n'abaperezida b'inkiko; urw'ibanze rwa Kigabiro na Nzige harebwe icyakorwa kuri buri rubanza bijyanye n'umwihariko warwo n'izidateye kashe mpuruza nazo ziterwe kashe zishobore kurangizwa kuko nta kindi zibura,*

Inama Njyanama imaze gusuzuma uko gahunda y'Inama Njyanama yo kwegera abaturage (Njyanama outreach) yabaye mu kwezi k'Ugushyingo 2017 mu Mirenge 7 yakozwemo igasanga yaragenze neza cyane kandi abaturage bakaba barayishimiye bidasubirwaho, yafashe icyemezo gikurikira:

**Icyemezo No 156/2018**

***Inama Njyanama yemeje ko Komisiyo y'imiyoborere myiza ifatanyije na Komite Nyobozi bategura Njyanama outreach icyiciro cya 2 mu Mirenge yasigaye ikazaba ku itariki ya 27/2/2017,***

***yemeje kandi ko ishami ry'imiyoborere myiza mu karere ryafatanya na buri tsinda ryasuye Umurenge hagakorwa raporo y'urugendo hagaragazwa ingingo zaganiriweho, ibikorwa by'amajyambere byasuwe (harimo n'amafoto), n'ubwoko bw'ibibazo by'abaturage byakiriwe ndetse, umubare wabyo n'umurongo byahawe ikazashyirizwa Inama Njyanama y'igihembwe kizakurikira.***

Inama Njyanama ishingiye kuri raporo yashikirijwe ku miterere y'aho abagenzi bategera imodoka byagateganyo hatameze neza mugihe hubakwa aho abagenzi bategera imodoka (Gare) ya Rwamagana, Inama Njyanama imaze kubona ishingiro ry'iyo raporo, yafashe icyemezo gikurikira:

**Icyemezo No 157/2018**

***Inama Njyanama yemeje ko bitarenze Gashyantare 2018 Komite Nyobozi ifatanyije n'abikorera (PSF Rwamagana) yaba yakoze ibikorwa by'ibanze aho abagenzi bategera imidoka hagateganyo birimo; aho abagenzi bugama imvura cyangwa izuba, aho bafatira ibiribwa cg ibinyobwa, ahagenewe gucururizwa n'ibindi.***

Inama Njyanama imaze kugezwaho ko mu nama Njyanama z'Imirenge badahabwa insimuramubyizi uko bikwiye, Ishingiye ku itegeko n0 87/2013 ryo kuwa 11/09/2013 n'iteka rya Minisitiri No 008/07.01/14 ryo kuwa 28/05/2014 rigena insimburamubyizi n'amafaranga y'urugendo bigenerwa abagize Inama Njyanama, yafashe icyemezo gikirikira:

**Icyemezo No 158/2018**

***Inama Njyanama yemeje ko Komite Nyobozi izajya ikurikirana imitangirwe y'amafaranga agenerwa umurenge (fonctionmment) hakajya hatandukanwa (earmarking) agenewe insimburamubyizi z'abajyanama, kandi bakayahabwa igihe bateranye.***

Inama Njyanama ishingiye kuri raporo yegejejweho na Komisiyo y'Imari n'Ubukungu mu nama yayo yateranye kuwa 13/10/2017 igateranira mu Murenge wa Gahengeri, ikitabirwa n'Abajyanama b'Umurenge bagize komisiyo y'Ubukungu, igasuzuma ikibazo cy'abaturage batuye mu kagari ka Kagezi badafite uburenganzira bwo kubaka cyangwa gusana amazu yabo kuko aho batuye hari ubutaka bwashyizweho amaterasi butunganyirijwe ibikorwa by'ubuhinzi.

Inama Njyanama ishingiye kandi ku cyemezo cy'Inama Njyanama no 27/2016 cyasabaga Komite Nyobozi gukemura n'ibibazo by'imiturire y'ahari ubutaka bwahujwe (Land consolidation) yafashe icyemezo gikurikira:

**Icyemezo No 159/2018**

***Inama Njyanama yemeje ko Komite Nyobozi yakwimura abaturage batuye mu kagari ka Kagezi ahari ubutaka bwakozweho amaterasi y'indinganire hatunganyirijwe ibikorwa byubuhizi, bakimurirwa mu Mudugudu w'icyitegererezo uri mu Kagari ka Gihumuza umudugudu wa Kabeza kandi bigakorwa hubahirijwe amategeko.***

Inama Njyanama imaze kubona ko hari ibibazo by'Abaturage byashobora gushora Akarere mu manza, imaze kubona kandi ko bikeneye kwiganwa ubushishozi hagendewe kucyo amategeko avuga, yifuje ko hashakwa uburyo ibi bibazo bikurikira; Ikibazo cya GASARABWE JMV, ikibazo cya Koperative ABAHUJE n'ikibazo cya NYAKAGABO Francois, byakemuka hakiri kare maze ifata ibyemezo bikurikira.

**Icyemezo No 160/2018**

***Inama Njyanama yemeje ko kukibazo cya*** **GASARABWE JMV** ***na*** **Koperative ABAHUJE ya MUHAZI** ***hashyirwaho amatsinda (Sous komisiyo) yasuzuma kuburyo bwimbitse ibi bibazo akazatanga raporo mugihe kitarenze ukwezi kandi Komite Nyobozi ikazatanga ibisabwa byose kugirango imirimo yaya matsinda izakorwe neza.***

Kukibazo cya **GASARABWE JMV**

Hashingiwe ku myanzuro y'inama ya Komisiyo yateranye muri Nzeri, Ukwakira n'Ugushingo muri 2017 yigaga kuri iki kibazo igasanga Akarere ntaho kahera kishyura uyu Rwiyemezamirimo kuko isoko ryatanzwe muburyo bunyuranyije n'amategeko, ariko nanone mu rwego rwo Kurenganura Umuturage, no gukusanya ibimenyetso byashingirwaho hashakwa uburyo iki kibazo cyakemuka imbere y'Amategeko,

Iryo tsinda (sous komisiyo) rikazaba rifite inshingano zikurikira:

JC.J

1. Gucukumbura icyo ibikoresho byatanzwe na Gasarabwe byakoreshejwe (niba byarakoreshejwe ibikorwa bifitiye akamaro abaturage)
2. Inkomoko y'amafaranga Umurenge wa Muhazi wishyuye Gasarabwe JMV,
3. Kugaragaza amakosa yose yaba yarakozwe n'ibindi byose byafasha mu gusesengura neza iki kibazo.
4. Kumenya abafite uburenganzira bwo gukurikirana muburyo bwemewe n'amategeko ibya Bwana Gasarabwe

**Abazaba bagize iri tsinda (sous Komisiyo):**

1. Umujyanama SEBAGABO Jules (Perezida w'Itsinda)
2. Umujyanama Kayiranga Jean Baptsite
3. Umujyanama MUNYANEZA J Baptiste
4. Umujyanama KARUGAHE Augustin
5. Umujyanama MUTESI Francine
6. Uhagarariye Police
7. Umunyamategeko w'Akarere

**Ku kibazo cya Koperative ABAHUJE ya MUHAZI,**

Hashingiwe ko nta makuru afatika agaragaza iki kibazo uretse amasezerano Akarere kasinyanye n'iyi Koperative, hashyizweho kandi ko komisiyo izacukumbura igatanga raporo ifite ubusobanuro bwimbitse, iri tsinda ryabikora mu gihe kitarenze ukwezi.

Iri tsinda (sous komisiyo) ikazaba igizwe na :

1. Umujyanama RUGANZA Jules (Perezida w'Itsinda)
2. Umujyanama MURENZI Jean Baptsite
3. Auditeur w'Akarere
4. Umukozi ushinzwe amashyamba mu Karere,
5. Agronome w'Akarere

K-J

**Ikibazo cy'Umuturage witwa NYAKAGABO Francois.**

Inama Njyanama nyuma yo gusuzuma ikibazo cya Nyakagabo Francois wagemuriye icyahoze ari ishuri ryisumbuye rya Rwamagana (Rutonde) ibiribwa bifite agaciro k'amafaranga 4.085.050 mu mwaka wa 2012 atishyuwe, nyuma ishuri rikaza guhuzwa n'irindi shuri kubera ikibazo cy'ibura ry'abanyeshuri n'Inama Njyanama y'Akarere ka Rwamagana icyo gihe cyavuzwe,

Hashingiwe ko ishuri ryafunzwe, kandi ko ikibazo kigaragara mu nyandiko zisoza imirimo y'ishuri ( hand over), Inama Njyanama yafashe icyemezo gikurikira:

**Icyemezo No 162/2018**

***Inama Njyanama yemeje ko Komite Nyobozi ikurikirana Bwana Nyakagabo Francoisakishyurwa amafaranga ishuri ryari rimurimo hamaze gusuzumwa inyandiko zose zigaragaza ibyo yagemuriye icyari ishuri rya Rutonde ko byuzuye.***

| | |
|---|---|
| Umwanditsi w'inama | Umuyobozi w'inama |
| **KANEZA Josiane** | **KABAGAMBA Wilson** |
| Umunyamabanga w'Inama Njyanama y'Akarere ka Rwamagana | Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka Rwamagana |

URUTONDE RW'ABITABIRIYE INAMA Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA RWAMAGANA YO KU WA 19/01/2018 YABEREYE MU CYUMBA CY'INAMA CY' KA RWAMAGANA.

| NO | AMAZINA | UMURENGE | ISAHA AHAGEREYE | NOMERO YA TELEPHONE | UMUKONO |
|---|---|---|---|---|---|
| 1. | Bueyeye Ignatienne | Musha | 9h00 | 0788426660 | |
| 2. | Nabafambe Godfrey | muhazi | 9h00' | 0785321322 | |
| 3 | KAGOYIRE Francine | Rubona | 9h00' | 0783585743 | |
| 4 | KARUGAHE Augustine | KIGABIRO | 9h00' | 0788460926 | |
| 5 | KAYIRANGA Jean Baptiste | FUMBWE | 9h00 | 0788671384 | |
| 6 | MUDAHERANWA Régis | MAKARIRO | 〃 | 0788353571 | |
| 7 | Muhawenimana Valérie | Nzige | 9h00 | 0788640842 | |
| 8 | MULIGO Emmanuel | MUHAZI | 9:00 | 0788752911 | |
| 9. | MUNYANEZA Jean Baptiste | MUNYAGA | 9h00 | 0788448029 | |
| 10. | Musabyemariya Alphonsine | Munyaga | 9h00' | 0788352693 | |
| 11 | MUTESI Francine | MUHAZI | 9h00' | 0780357881 | |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| 12 | Natete Angelique | Muhazi | Ghoo | 0782422520 | [signature] |
| 13 | Nkhikabalizi Nd. Bosco | Ruyumba | Ghoo | 0788330368 | [signature] |
| 14 | NYAMUTAMBA Celestin | Gishari | Ghoo | 0788309079/0781535710 | [signature] |
| 15 | RUGANZA R. Jules | Gahengeri | Ghoo | 0788817180 | [signature] |
| 16 | RUKUNDO Jean Pierre | Muyumbu | Ghoo | 0788569647 | [signature] |
| 17 | SEBAGABO Jules | MUNYIGINYA | Ghoo | 0788308352 | [signature] |
| 18 | Valens UWAMEZA | MUSHA | Ghis' | 0788306496 | [signature] |
| 19 | NUMUKOBWA Antoinette | MUNYAGA | Ghoo | 0783089177 | [signature] |
| 20 | KANEZA Josiane | Karenge | Ghoo | 0788430692 | [signature] |
| 21 | UWIMPUNDU Yvonne | Munyiginya | Ghoo | 0788847517 | [signature] |
| 22 | KABAGAMBA Wilson | Mwulire | Ghoo | 0788309392 | [signature] |
| 23 | MUSANABERA Christine | Muhazi | Ghoo | 0783683260 | [signature] |
| | | | | | |
| | | | | | |